Umushinga wo Gutanga Ibikoresho Biyungurura Amazi mu Rwanda

- **Ubusobanuro Ndetse n'Intego z'Uyu Mushinga**

Uyu mushinga w'ikigo cya SPOUTS International ufite intego zo kugeza ibikoresho biyungurura amazi yo kunywa ku miryango ndetse n'ibigo bituye mu Rwanda. Ikigo cya SPOUTS kiteguye gukorana n'inzego zose z'ibanze kugira kigeze ku miryango ndetse n'ibigo bihereye mu Rwanda ibi bikoresho byo kuyungurura amazi yo kunywa bizwi nka **Purifaaya**.

Mu gutanga ibi bikoresho, uyu mushinga uzibanda cyane cyane ku miryango ndetse n'ibigo bisanzwe bikoresha amazi adasukuye, urugero ni nki ibishanga, ibiyaga, imigezi, ndetse n'andi masoko adasukuye. Ibi bikoresho biyungura amazi bikoranye ikoranabuhanga rituma bigira ubushobozi budasanzwe mu kuyungura amazi ndetse no kuramba. Iri koranabuhanga rizadufasha kurinda ibidukikije, ndetse rizamure imibereho y'abaturage bitewe n'igabanuka ry'indwara zo mu buhumekero ndetse n'iza amazi yanduye.

2.Ibikubiye mu Mushinga

- *Aho umushinga uzakorera*: Mu Rwanda (Igihugu cyose)
- *Nyir'umushinga* : SPOUTS International
- *Ushinzwe kugenzura no kuyobora umushinga*: AGS Carbon Advisory
- *Kwirinda gutanga ibikoresho birenze kimwe ku mugenerwabikorwa cyangwa gutanga bikoresho ku bagenerwa bikorwa bari baramaze guhabwa ibindi n'undi mushinga*: Buri igikoresho cyizahabwa abagenerwabikorwa kizaba gifite nimero yihariye ikiranga ndetse tuzakorana n'abayobozi b' inzego z'ibanze mu guhitamo ahataragezwen'indi mishinga
- Uyu mushinga uzubahiriza amabwiriza agenwa na Gold standards ku bijyanye n'intego z'iterambere rirambye
- Abazemera gushyikirizwa imbabura bazaha SPOUTS uburenganzira bwo gucuruza imyuka ihumanya ikirere uyu mushinga wagabanyije.
- Ubwo burenganzira bugomba gutangwa n abagenerwabikorwa mbere y'uko bakira ibikoresho
- Uyu mushinga uzatangirana umubare muto w'abagenerwa bikorwa
- SPOUTS International izagenda yagura umushinga uko iminsi izagenda yegera imbere

3. Icyo umushinga uzamarira abagenerwa bikorwa

Ubuzima buzira umuze: Gubona amazi meza yo kunywa yujuje ubuziranenge bizarinda abaturage indwara za hato na hato, binagabanye amafaranga yagenderaga mu kwivuza.

Kurengera ibidukikije: Ibi bikoresho biyungurura amazi bizadufasha kubungabunga ibidukikije kubera igabanyuka ryo gutema amashyamba hashakishwa inkwi zo guteka amazi.

Kuzigama igihe: Guhorana amazi ayunguruye bigabanya igihe cyakoreshwaga mu guteka amazi. Abateguragori bakoresha umwanya bamaraga batetse amazi mu bindi bikorwa byinjiza amafaraga.

Kurinda imyuka ihumanya ikirere: Iri koranabuhanga rizatuma abagenerwabikorwa batongera gukoresha inkwi mu guteka amazi, ibi bigatuma habaho igabanuka ry'imyotsi ihumanya ikirere ndetse bigatuma habaho n'igabanuka z'indwara zo mu buhumekero.

4. Ibyo uyu mushinga uzabafasha mu rwego rwo kugera ku ntengo z'iterambere rirambye (SDG)

Igishushanyo cya mbere: zimwe mu ntego z' iterambere rirambye uyu mushinga uzageza ku bagenerwabikorwa.

5. Amahame Azakurikizwa mu Kurinda cyangwa Kurengera Abagenerwa Bikorwa b' uyu Mushinga



6. Imiterere y'ibikoresho Biyungurura Amazi yo Kunywa

Spouts International izatanga ibikoresho biyungurura amazi bya Purifaaya biteye mu buryo bukurikira

Ikoranabuhanga	Purifaaya Regular	Purifaaya Viva	Purifaaya XL
Ubushobozi	Litiro 20	Litiro 30	Litiro 75
Ububiko	Litiro 10	Litiro 20	Litiro 45
Igenewe Ingo/Ibigo	Ingo	Ingo n'ibigo	Ibigo
Ingano y'amazi ayungururwa ku Isaha	Litiro 4.5- 5.5 ku isaha	Litiro 4.5- 5.5 ku isaha	Litiro 4.5- 5.5 ku isaha
Urugero iriho rwokuyungurura amazi	Ikuramo mikorobe kukigero cya 99.99%	Ikuramo mikorobe kukigero cya 99.99% bacteria	Ikuramo mikorobe kukigero cya 99.99%
Ubwoko bw'amazibukwiriye gukoreshwa	Amazi ayariyo yose	Amazi ayariyo yose	Amazi ayariyo yose
Umuriro ikoresha	Ntikenera umuriro	Ntikenera umuriro	Ntikenera umuriro

Amafoto ya Purifaaya			

Uburyo bwo Gutanga Ibitekerezo no gukemura mbogamizi Abafatanyabikorwa baba bafite ku mushinga)

SPOUTS International izashyiraho uburyo bunoze bwo kwakira ibitekerezo, inyunganizi, ndetse n'imbogamizi zijyanye n'uyu mushinga. Ibi bizajyana no gutanga imyirondoro y'abantu bashobora kwakira ibitekerezo bitanzwe n'abafatanyabikorwa kuri uyu mushinga.

ku bijyanye n'aderesi email ya gahunda yamaze gutangazwa kugira ngo abafatanyabikorwa batange ibitekerezo byabo. Igitabo kizajya gikomeza kwakira ibitekerezo n'ibibazo kizashyirwa ahantu hemejwe hagerwaho n'abafatanyabikorwa bo mu gace.

Ugize ikibazo, igitekerezo cg inyunganizi

Ronald Ampaire
Global Carbon Specialist
SPOUTS International
ronaldampaire@spouts.org

SPOUTS of Water Rwanda Ltd
rwanda@spouts.org / patrickrukundo@spouts.org